# Sitati y'Ubwimukira no Kwemererwa Medicaid Yagutse

NCMEDICAID FOR MORE PEOPLE

**NC Medicaid ubu yishingira abantu bafite imyaka y'ubukure 19 kugeza kuri 64 binjiza mafaranga menshi. Ushobora kubona ubwishingizi bw'ubuvuzi binyuze muri Medicaid kabonye nubwo waba utarujuje ibisabwa mbere. Medicaid yishyurira guhura na muganga, kwisuzumisha buri mwaka, ubuvuzi bwihutirwa, ubuvuzi bw'indwara zo mu mutwe n'ibindi – ku giciro gito cyangwa nta kiguzi wishyuye.**

**Kuva ku wa 1 Ukuboza 2023, abantu benshi bashobora kubona ubwishingizi bw'ubuvuzi binyuze muri Medicaid iyo:**

- **Utuye muri North Carolina**
- **Ufite imyaka 19 kugeza kuri 64**
- **Uri umuturage (bamwe mu baturage batari Abanyamerika na bo bashobora kubona ubwishinghizi bw'ubuvuzi binyuze muri Medicaid) .**
- Kandi niba **amafaranga urugo rwawe rwinjiza ku kwezi** ahura n'imbonerahamwe ikurikira:

| Ingano y'Urugo | Amafaranga yinjizwa ku kwezi mu 2024* |
|---|---|
| Abantu bakuru baba bonyine | $1.732 cyangwa munsi yayo |
| Umuryango w'abantu 2 | $2.351 cyangwa munsi yayo |
| Umuryango w'abantu 3 | $2.970 cyangwa munsi yayo |
| Umuryango w'abantu 4 | $3.588 cyangwa munsi yayo |
| Umuryango w'abantu 5 | $4.207 cyangwa munsi yayo |
| Umuyango w'abantu 6 | $4.826 cyangwa munsi yayo |

**Amafaranga ntarengwa yinjizwa avugururwa ku mwaka.*

Abaturage bamwe batari Abanyamerika bashobora kubona ubwishingizi bw'ubuvuzi binyuze muri Medicaid. Kugira ngo wemererwe ugomba kuba utuye muri North Carolina kandi ukaba utari umuturage waho ufite sitati y'ubwimukira wujuje ibisabwa. Abantu benshi bo muri iki cyiciro bagomba gutegereza imyaka itanu mbere y'uko bandika basaba Medicaid (nubwo hari imwe mu myihariko, nk'uko bisobanurwa munsi).

Sitati y'ubwimukira yujuje ibisabwa ikubiyemo:

- Abatuye bya Burundu Byemewe n'Amategeko ((LPR/Ufite Green Card)
- Impunzi za politiki
- Impunzi
- Abinjiye baturutse muri Cuba/Haiti
- Imfungwa zahawe imbabazi muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika byibura mu mwaka umwe
- Uwemerewe kwinjira hari ibigendeweho mbere y'1980
- Abakorewe ihohoterwa ryo mu rugo batari abaturage ba Amerika, abashakanye, abana cyangwa ababyeyi ("Abakorewe ihohoterwa ryo mu rugo" bisobanuye umuntu wakorewe ihohoterwa na mwene wabo.)
- Abakorewe ubucuruzi bw'abantu n'abo bashakanye, umwana, umuvandimwe cyangwa umubyeyi cyangwa abantu bafite ubusabe butaremerwa bya viza y'abarenganiye mu bucuruzi bw'abantu
- Bemerewe gusubika koherezwa iwabo (impamvu yihariye isa nk'ubuhunzi bushingiye kuri politiki)
- Abantu batari Abaturage b'Abanyamerika baturuka mu bwoko bw'Abahinde bwemewe mu gihugu cyangwa Abanyamerika bafite inkomoko mu Buhinde bavukiye muri Canada
- Abaturage b'Ibirwa bya Marshall, Micronesia na Palau batuye muri imwe muri leta zigize Leta Zunze Ubumwe za Amerika cyangwa ubutaka bwayo (byitwa Ihuriro ry'Ishyirahamwe Ryisanzuye cyangwa abimukira ba COFA)

Bamwe mu baturage batari Abanyamerika bari ku rutonde ruri haruguru NTIbagomba gutegereza imyaka 5 kugira ngo babe bujuje ibisabwa ngo babone Medicaid, harimo abagore batwite, abana bari munsi y'imyaka 19 y'ubukure, impunzi za politiki, impunzi, abarenganiye mu bucuruzi bw'abantu, Abinjiye baturutse muri Cuba/Haiti, n'abantu ubu bafite sitati ya LPR kandi bahoze ari impunzi za politiki, impunzi, Abarenganiye mu bucuruzi bw'abantu, cyangwa abinjiye baturutse muri Cuba/Haiti. Kandi, abaturage bose batari Abanyamerika bari ku rutonde hejuru badafite aho bahuriye n'igisirikare nk'abavuye ku rugerero, abasirikare bari mu kazi (n'abo bashakanye n'abana babo) ntibagomba gutegereza imyaka itanu kugira ngo bemererwe Medicaid. Abandi baturage bose batari Abanyamerika bari ku rutonde hejuru bagomba gutegereza imyaka itanu kuva igihe baherewe sitati y'ubwimukira yujuje ibisabwa kugira ngo babone Medicaid.

### Niba nta sitati n'imwe y'ubwimukira yujuje ibisabwa mu ziri ku rutonde hejuru ikureba:

Niba utari umuturage wa Amerika cyangwa utari muri ibi byiciro, nyamara ushobora kwemererwa NC Medicaid, uba ugishobora gusaba kubona ubwishingizi bw'ubuvuzi bwihutirwa bkubiyemo:

- **Kwishyura amafaranga yose yishyurwa serivisi zo kubyara.** Kubona ubwishingizi bw'amafaranga yose yishyurwa serivisi z'igihe umubyeyi ari ku bise n'izo kubyara. Ushobora gutanga ubusabe kugeza ku mezi atatu ya nyuma yo kubyara.
- **Kwishyurira serivisi z'ubutabazi bwihuse.** Kubona ubwishingizi bw'amafaranga ya serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa, nk'indwara y'umutima, guturika imitsi y'ubwonko, cyangwa impanuka ikomeye. Ushobora gutanga ubusabe kugeza ku mezi atatu nyuma yo guhabwa ubuvuzi bwihutirwa.

**Kugira ngo ubone ubu bwishingizi bw'ubuvuzi bwihutirwa, saba NC Medicaid nk'ibisanzwe** — ariko si ngombwa ko werekana ibyemezo cyangwa gusubiza ibibazo byerekeye sitati yawe y'ubwimukira.

### Ese amakuru yanjye ashobora gutangwa ku mpamvu z'iyubahirizamatetego y'ubwimukira?

Medicaid ntizabwira amakuru ayo ari yo yose urwego rushinzwe iyubahirizamategeko cyangwa urw'Iyubahirizamategeko na Gasutamo (ICE). Amakuru yawe azabikwa byihariye kandi agirwe ibanga. Aha harimo amakuru y'abagize umuryango wawe bafite sitati z'ubwimukira zitandukanye. Amakuru yawe ntashobora gukoreshwa ku mpamvu z'iyubahirizamategeko y'ubwimukira.

**Ugomba gutanga gusa sitati y'ubwimukira cyangwa nomero z'ubwiteganyirize ku bagize umuryango basaba ubwishingizi.** Urugero, umubeyi utari umwimukira wujuje ibisabwa ashobora gutanga ubusabe mu mwanya w'umwana wujuje ibisabwa. Bishobora kutaba ngombwa ko umunyeyi atanga sitati ye y'ubwimukira. Ku yandi makuru yerekeye kwemererwa ubwishingizi bw'ubuvuzi ku bimukira, soma aka gatabo k'Ikigo cy'ubutabera cya North Carolina .

### Ese gutanga ubusabe cyangwa guhabwa Medicaid bifatwa nk'ibyishyurwa na leta?

Oya. Gutanga ubusabe cyangwa guhabwa Medicaid ntibituma umuntu "yishyurirwa na leta". Ntibizagira ingaruka kuri sitati yawe y'ubwimukira cyangwa ubusabe bwawe bw'ubwimukira. Ibigenwa bitatu gusa bifatwa nabi iyo utanga ubusabe bw'ubwimukira: Amafaranga agenerwa abafite ubumuga n'abageze mu zabukuru (SSI), Imfashanyo y'agateganyo ku miryango ikennye (TANF), na Medicaid iyo bikoreshwa ku kuba mu bitaro igihe kirekire cyangwa ubuvuzi butangirwa mu rugo gusa. Nta kibazo kiri mu gukoresha ibindi bigenwa byose na gahunda z'ubuzima kandi nta ngaruka bigira ku bundi busabe bwose bw'ubwimukira utanga. Ku yandi makuru yerekeye amafaranga yishyurwa na leta, soma uru rupapuro rw'amakuru rw'Ikigo cy'Ubutabera cya North Carolina.

## Ese abimukira badafite ibyangombwa bemerewe Medicaid?

Abimukira badafite ibyangombwa bemerewe Medicaid y'ubuvuzi bwihutirwa. Ariko, abimukira badafite ibyangombwa ntibemerewe kwiyandikisha mu bwishingizi buterwa inkunga n'igihugu harimo Medicaid yuzuye, CHIP, cyangwa Medicare, cyangwa kugura ubwishingizi binyuze muri Health Care Marketplace (ACA). Abimukira badafite ibyangombwa bemerewe gusa by'igice Medicaid y'ubuvuzi bwihutirwa cyangwa serivisi z'umubyeyi uri ku bise cyangwa zo kubyara.

## Ni izihe serivisi za Medicaid y'ubuvuzi bwihutirwa kandi ni nde uzemerewe?

Buri wese ashobora kwemererwa Medicaid y'ubuvuzi bwihutirwa igihe cyose yujuje ibisabwa ku mafaranga yinjizwa no gutura muri leta ya North Carolina (gutanga gihamya y'uko baba muri North Carolina, nk'ifoto y'indandamuntu yawe iriho aderesi, fagitire y'iby'ibanze bikenerwa mu rugo, amasezerano y'ubukode cyangwa icyemezo cy'akazi). Abatutage batari Abanyamerika badafite ibyangombwa batujuje ibisabwa ngo bahabwe ubwishingizi bwa serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa. North Carolina ifitanye amasezerano n'ushinzwe gusuzumira leta ubuvuzi bwihutirwa ugaragaza niba icyabaye gisaba ubuvuzi bwihutirwa kandi akagaragaza amatariki Medicaid ishobora kwishingira. Ubwishingizi bugarukira ku matariki runaka, guhera ku itariki ubuvuzi bwihutirwa bwatangiwe gusoreza ku itariki ubuvuzi bwihutirwa bwaterejwe. Urugero, igihe umuntu akoze impanuka y'imodoka akajyanwa mu cyumba cy'indembe cyangwa abagore babyara badafite ubwishingizi.

## Ni nde wemerewe Medicaid mu rugo rufite sitati y'ubwimukira ivanze?

Abasaba bose bagomba kuzuza ibisabwa ku mafaranga yinjizwa no gutura muri leta. Ababyeyi bashobora kwisabira n'/cyangwa gusabira abana babo.

- Ababyeyi badafite sitati y'ubwimukira ifite agaciro, bemerewe serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa gusa.
- Abana babo bashobora kwemererwa Medicaid yuzuye iyo bafite sitati y'ubwimukira yujuje ibisabwa. Ibi ni impamo nubwo ababyeyi babo baba badafite sitati y'ubwimukira yujuje ibisabwa.

Iyo ugize umuryango umwe gusa asaba ubwishingizi cyangwa ubufasha, usaba (abasaba)wenyine (bonyine) agomba(bagomba) gutanga amakuru yerekeye sitati y'ubwimukira cyangwa nomero ye(yabo) y'ubwiteganyirize. Abandi bagize umuryango badatanga ubusabe si ngombwa ko batanga amakuru y'ubwimukira.

## Ese ni ayahe makuru ababyeyi badafite ibyangombwa bagomba gutanga niba bafite abana bemerewe Medicaid?

Ababyeyi basabira abana babo bujuje ibisabwa bagomba gutanga amazina y'abanyamuryango bose bari mu ngo zabo, aderesi yabo y'iposita, igenzura ryose ry'amafaranga yinjizwa, n'icyemezo cyo gutura muri leta gitangwa n'ababyeyi kugira ngo bagaragaze kuzuza ibisabwa kw'abana kiri kumwe n'ubusabe buriho umukono. Si ngombwa ko ababyeyi batanga amakuru y'ubwimukira cyangwa nomero y'ubwiteganyirize byabo iyo batisabira Medicaid. Medicaid ntizabwira amakuru ayo ari yo yose urwego rushinzwe iyubahirizamategeko cyangwa ICE.

## Ese abantu bafite Sitati Zirinzwe by'Igihe Gito (TPS) bashobora gusaba Medicaid?

Oya, abantu bafite TPS ntibashobora gusaba ubwishingizi bw'ubuvuzi bwuzuye binyuze muri Medicaid. Ariko, bashobora kwemererwa Medicaid y'ubuvuzi bwihutirwa igihe cyose bujuje ibisabwa ku mafaranga yinjizwa no gutura muri leta ya North Carolina. Abagore batwite n'abana bari munsi y'imyaka 19 y'ubukure bafite TPS bemerewe gusaba Medicaid iyo bujuje ibindi bisabwa kandi bakaba batarebwa no gutegereza imyaka itanu. Abantu bafite TPS bashobora gusaba ubwishingizi n'ubufasha bwo kwishyura ubwishingizi binyuze muri Health Care Marketplace (ACA).

## Ese abagenewe Deferred Action for Childhood Arrivals (DACA) bahabwa Medicaid?

Oya. Hakurikijwe amabwiriza yatanzwe n'Ibigo bitanga Serivisi za Medicare na Medicaid (CMS), abantu bafite sitati ya Deferred Action for Childhood Arrivals ntibafatwa nk'abahari byemewe n'amategeko ku mpamvu zo kwemererwa ubwishingizi bw'ubuvuzi. Abantu bafite DACA bemerewe serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa iyo zikenewe.

## Ese abakora mu buhinzi bafite viza ya H-2A bemerewe Medicaid?

Abakora mu buhinzi bafite sitati yok u haba mu buryo bwemewe n'amategeko bashobora kwemererwa iyo ari abagore batwite cyangwa abana bari munsi y'imyaka 19 y'ubukure. Abandi bantu bose bemerewe guhabwa serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa za Medicaid. Abantu bafite viza ya H-2A bashobora gusaba ubwishingizi n'ubufasha bwo kwishyura ubwishingizi binyuze muri Health Care Marketplace.

## Ese abantu bafite viza batari abimukira (harimo viza z'abanyeshuri, ba mukerarugendo, U n'izindi) bemerewe Medicaid?

Bashobora kwemererwa no gusonerwa ikumirwa ry'imyaka itanu iyo ari umugore utwite cyangwa umwana uri munsi y'imyaka 19 y'ubukure. Abantu bakuru badatwite bafite imyaka 19 no hejuru yayo bemerewe gusa serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa za Medicaid. Abantu basaba serivisi z'ubuvuzi bwihutirwa gusa si ngombwa ko batanga ibyangombwa bya sitati y'ubwimukira. Abantu bafite viza zitari iz'abimukira batuye muri North Carolina bashobora gusaba ubwishingizi n'ubufasha bwo kwishyura ubwishingizi binyuze muri Health Care Marketplace.

## Ukeneye ubufasha? Tegurana n'inzobere mu Kuyobora abantu randevu yo kwiyandikisha ku buntu.

Randevu zishobora gutegurirwa kuri murandasi kuri https://ncnavigator.net/schedule-online or by phone at 1-855-733-3711. Abayobora abantu bashobora gufasha mu gusaba icyarimwe Health Care Marketplace na Medicaid, kandi serivisi ziboneka mu ndimi zirenga 20.

**Ku yandi makuru, sura Medicaid.nc.gov/immigration.**